# Abanyarwandakazi bari mu bahataniye irushanwa ry'ufite ikibuno kinini mu karere

**Yanditswe na IGIHE**
**Kuya 16 Ugushyingo 2017**

Abagore n'abakobwa bafite ibiro hejuru ya **mirongo cyenda** bahataniye irushanwa ry'ufite umubyimba munini kurusha abandi mu bihugu bitatu byo mu Karere, mu bashakisha ikamba harimo n'abakomoka mu Rwanda.

Irushanwa rya Miss Chic Madam rigiye kumara ukwezi riba, habanje icyiciro cy'ijonjora ry'ibanze aho abariteguye babanje gutoranya abakobwa n'abagore **50** biyizeye ku mubyibuho kandi bujuje ibisabwa ku mukandida wemererwa guhatana.

Umukobwa wemererwa guhatana muri Miss Chic Madam agomba kuba apima ibiro nibura **90** , akaba ari hejuru y'imyaka **20** y'amavuko ndetse akaba akomoka mu **Rwanda, Burundi** cyangwa muri **RDC**.

Miss Chic Madam iteguye ku nshuro ya kabiri, yaherukaga kuba mu mpera z'umwaka wa **2015,** icyo gihe ryabanje guhuza abagore bo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo gusa kuri iyi nshuro hongeyewemo n'abo mu Burundi ndetse n'u Rwanda.

Iri rushanwa ryateguwe n'abagore bane nk'uko ikinyamakuru Akezi Net cyo mu Burundi kibitangaza. Mu batangije Miss Chic Madam harimo Alice na Aline Ntirata, Ophélie Baranshamaje ndetse na Ella Iranga Nshombo.

Ubwo Miss Chic Madam iba ku nshuro ya mbere yitabiriwe n'abagore n'abakobwa **15** bo muri Congo, icyo gihe hatsinze uwitwa **Nfundiko**. Ella Iranga Nshombo yagize ati "Uyu ni umwaka wa kabiri dutegura iri rushanwa, kuri iyi nshuro twararyaguye dushyiramo n'abakobwa bo mu bindi bihugu byo mu Karere. Bwa mbere hahatanye abakobwa 15 bo muri RDC gusa, uwatsinze yahise agirwa Ambasaderi wa Miss Chic Madam."

Mu bagore n'abakobwa **50** bamaze kwiyandikisha ubu hari gukorwa ijonjora ryo gutoranyamo 15 ba mbere aho buri gihugu [u Rwanda, Burundi na RDC] kigomba kuba gifitemo batanu.

Ella Iranga Nshombo yongeyeho ati "Mu cyiciro cya nyuma tugomba kuzasigarana abakobwa bane ba mbere, uwatsinze abandi azambikwa ikamba rya Miss Chic Madam, igisonga cya Mbere n'icya Kabiri ndetse hazanatorwa uwa Gatatu uzahabwa ikamba rya Miss Fair Play."

Ibirori byo gutoranya umukobwa cyangwa umugore uhiga abandi muri Miss Chic Madam, bizabera mu Mujyi wa **Bukavu mu Ukuboza 2017** gusa ntiharatangazwa itariki nyayo.



*Nithia Mugisha, avuka i Bujumbura*



*Françoise Shamavu, RDC*



*Milly Nganinka, Burundi*



*Valence Nabindu, Bukavu*



*Aline Marie-Pacifique Uwase, Rwanda*


*Uwizeye Vivine, Rwanda*



*Darlène Sarah Ndikumwenayo, Burundi*



*Kelcy Dushime, Burundi*



*Nganza Nathalie, Bukavu*



*Anaïs Mugisha*



*Danny Paulette*



*Nice Gateka, Burundi*



*Chloé Yasmine, RDC*



*Amina Uwase, Rwanda*



*Vanessa Nibizi, Burundi*




*Uwatsinze mu irushanwa rya Miss Chic Madam riheruka*



*Sandra Mulala, RDC*



**Amafoto: Miss Chic Madam**